Ikarita iri hejuru iragaragaza imidugudu yakorewemo ubushakashatsi mu gihugu cyose. Iyi midugudu yatoranyijwe ku buryo bwa “tombola” hakoreshejwe ikoranabuhanga rya SPSS. Mu midugudu 14,837 igize Igihugu, hatoranyijwemo 704, aho ababajijwe muri buri mudugudu batoranyijwe hakurikijwe ingo ziwugize. Nyuma yo kubona urutonde rw’ingo zituye umudugudu, hakozwe igiteranyo cy’ingo zose, aricyo cyagabanyijwe n’umubare w’abagombaga kubazwa muri buri mudugudu w’ako karere kugira ngo haboneke umubare w’ingo zisimbukwa. Ubazwa wa mbere yabonetse hakozwe “tombola” hagati ya rimwe (1) na wa mubare w’ingo zisimbukwa. Uwo mubare wongerewe ku rugo rwa mbere rwatoranyijwe, haboneka urwa kabiri, bityo bityo kugeza habonetse umubare w’ababazwa ukenewe. Mu rugo rwatoranyijwe habazwaga umwe mu bagize urugo (umugabo, umugore, abana) ufite hejuru y’imyaka cumi n’umunani (18). Amakuru agaragara muri ubu bushakashatsi yakusanyijwe mu kwezi kwa Gashyantare na Werurwe mu mwaka wa 2024.

# 3. Ibiranga ababajijwe muri ubu ubushakashatsi

Imbonerahamwe zikurikira ziragaragaza ibyiciro biranga ababajijwe.

Imbonerahamwe 6: Abaturage babajijwe hakurikijwe abagore n'abagabo

| AKARERE | IGITSINA | | | | BOSE HAMWE |
|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare |
| Gasabo | 212 | 43.4% | 277 | 56.6% | 489 |
| Kicukiro | 132 | 39.2% | 205 | 60.8% | 337 |
| Nyarugenge | 125 | 38.8% | 197 | 61.2% | 322 |
| Gisagara | 128 | 39.9% | 193 | 60.1% | 321 |
| Huye | 133 | 40.7% | 194 | 59.3% | 327 |
| Kamonyi | 131 | 37.2% | 221 | 62.8% | 352 |
| Muhanga | 126 | 40.6% | 184 | 59.4% | 310 |
| Nyamagabe | 162 | 48.5% | 172 | 51.5% | 334 |
| Nyanza | 127 | 39.0% | 199 | 61.0% | 326 |
| Nyaruguru | 112 | 36.8% | 192 | 63.2% | 304 |
| Ruhango | 139 | 43.3% | 182 | 56.7% | 321 |
| Karongi | 145 | 43.9% | 185 | 56.1% | 330 |
| Ngororero | 120 | 36.6% | 208 | 63.4% | 328 |
| Nyabihu | 141 | 45.8% | 167 | 54.2% | 308 |
| Nyamasheke | 130 | 40.1% | 194 | 59.9% | 324 |
| Rubavu | 179 | 43.2% | 235 | 56.8% | 414 |
| Rusizi | 152 | 41.4% | 215 | 58.6% | 367 |
| Rutsiro | 151 | 46.7% | 172 | 53.3% | 323 |
| Burera | 154 | 47.5% | 170 | 52.5% | 324 |
| Gakenke | 173 | 48.9% | 181 | 51.1% | 354 |
| Gicumbi | 124 | 35.6% | 224 | 64.4% | 348 |
| Musanze | 158 | 43.8% | 203 | 56.2% | 361 |
| Rulindo | 134 | 44.7% | 166 | 55.3% | 300 |
| Bugesera | 146 | 35.7% | 263 | 64.3% | 409 |
| Gatsibo | 211 | 49.1% | 219 | 50.9% | 430 |
| Kayonza | 145 | 40.1% | 217 | 59.9% | 362 |
| Kirehe | 145 | 41.2% | 207 | 58.8% | 352 |
| Ngoma | 131 | 41.5% | 185 | 58.5% | 316 |
| Nyagatare | 194 | 39.4% | 299 | 60.6% | 493 |
| Rwamagana | 126 | 35.8% | 226 | 64.2% | 352 |
| **BOSE HAMWE** | **4386** | **41.6%** | **6152** | **58.4%** | **10538** |


Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Imbonerahamwe 7:
Abaturage babajijwe hakurikijwe imyaka

| IMYAKA | IGITSINA | | | | BOSE HAMWE | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare | % |
| 18 - 30 | 996 | 9.5% | 1590 | 15.1% | 2586 | 24.5% |
| 31 - 40 | 1190 | 11.3% | 1738 | 16.5% | 2928 | 27.8% |
| 41 - 50 | 992 | 9.4% | 1374 | 13.0% | 2366 | 22.5% |
| 51 - 60 | 649 | 6.2% | 843 | 8.0% | 1492 | 14.2% |
| 61 kuzamura | 559 | 5.3% | 607 | 5.8% | 1166 | 11.1% |
| **BOSE HAMWE** | **4386** | **41.6%** | **6152** | **58.4%** | **10538** | **100.0%** |


Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ishusho 1: Abaturage babajijwe hakurikijwe irangamimerere





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ishusho 2: Abaturage babajijwe hakurikijwe amashuri bize





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ishusho 3: Abaturage babajijwe hakurikijwe umurimo bakora




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ishusho 4: Abaturage babajijwe hakurikijwe amafaranga binjiza ku kwezi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

# 3.1 Ibyiciro byakoreweho ubushakashatsi

**UBUKUNGU:**

- Ubuhinzi
- Ubworozi
- Ibikorwaremezo
- Ikoranabuhanga n'itumanaho
- Ubutaka n'imiturire
- Urwego rw'abikorera

**IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE**

- Uburezi
- Ubuzima
- Isuku
- Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye
- Imibereho y'Umuryango Nyarwanda

**IMIYOBORERE**

- Serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze
- Ubutabera
- Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi
- Umutekano
- Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa

# IGICE CYA KABIRI

1

# INKINGI Y'UBUKUNGU






# 1.1.UBUHINZI



## 1.1.1. Intangiriro

Abaturage bakora ubuhinzi babajijwe uko babona serivisi z'ubuhinzi zakoreweho ubushakashatsi arizo kubona imbuto ku gihe, kubona inyongeramusaruro ku gihe, kubona imbuto n'inyongeramusaruro bihagije, kubona imiti y'ibihingwa ku gihe, isoko ry'umusaruro, kurwanya indwara z'ibihingwa, ubuhunikiro rusange bw'umusaruro, ubwanikiro rusange bw'umusaruro, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi, kuhira imyaka no gukoresha imashini zihinga.


Ishusho 5: Ibyiciro by'abakora imirimo y'ubuhinzi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri ubu bushakashatsi abaturage 80.4% (abagabo 42.5% n'abagore 57.5%) nibo bakora imirimo yerekeranye n'ubuhinzi muri rusange. Muri bo 22.0% ni urubyiruko, bikaba bigaragaza ko urubyiruko rugenda rubona ubuhinzi nk'amahirwe yo kwiteza imbere. Byongeye kandi, muri aba bakora imirimo yerekeranye n'ubuhinzi, 80.2% ntibarengeje amashuri abanza barimo 17.8% b'urubyiruko (18-30).


Ishusho 6: Urubyiruko rukora mu buhinzi hakurikijwe amashuri bize




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ubu bushakashatsi buragaragaza ko urubyiruko rwinshi rukora ubuhinzi rufite amashuri abanza. Ibi bikomeje gutya, bishobora kuba imbogamizi ku ntego z'icyerekezo 2050, aho biteganijwe ko urwego rw'ubuhinzi ruzaba rwarahindutse cyane rukorwamo n'abahinzi babigize umwuga ndetse bakazaba bakora ubuhinzi bujyanye n'uruhererekane nyongeragaciro rw'ibikorwa by'inganda n'ubucuruzi.


Ishusho 7: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubuhinzi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri rusange, serivisi z'ubuhinzi zirashimwa ku gipimo cya 61.5%. Iki gipimo cyaramanutse kivuye kuri 63.2% muri CRC 2023. Abagabo bazishima ku gipimo cya 62.0% mu gihe abagore bazishima ku gipimo cya 61%.


Ishusho 8: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuhinzi mu myaka irindwi ishize




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yari ifite intego yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu mwaka wa 2024. Ubuhinzi ntibwageze kuri iyi ntego kuko muri uyu mwaka wa 2024 bushimwa kuri 61.5% bihwanye na 68.3% by' iyo ntego ya 90%.


Ikarita 3: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu buhinzi hakurikijwe uturere




Abaturage bo mu Karere ka Huye nibo bashima serivisi zo mu buhinzi ku gipimo cyo hejuru cya 74.3%, naho mu turere twa Musanze na Rubavu niho abaturage bazishima ku bipimo biri hasi ya 50%

## 1.1.2. Serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 9: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

## 1.1.3 Aho abaturage bakura amakuru yerekeranye n'ubuhinzi

Ishusho 10: **Aho abaturage bakura amakuru y'ubuhinzi**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ubu bushakashatsi bukomeje kugaragaza ko abaturage benshi babona amakuru ajyanye n'ubuhinzi bayavanye ku bajyanama b'ubuhinzi kuko ari bo babana nabo.

## 1.1.4 Uko abaturage babona serivisi zitandukanye zo mu buhinzi

Ishusho 11: **Uko abaturage babona serivisi zitandukanye mu buhinzi**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri rusange, ubu bushakashatsi buragaragaza ko serivisi z'ubuhinzi zakoreweho ubushakashatsi zishimwa ku bipimo biri munsi ya 60%, aho kubona imbuto ku gihe ariyo serivisi iza imbere ku gipimo cya 59.0%. Abaturage bari muri gahunda ya nkunganire bashima uko babona imbuto ku gihe ku gipimo cya 63.6%, kubona inyongeramusaruro ku gihe bakabishima kuri 65.4%, mu gihe kubona imbuto n'inyongeramusaruro bihagije babishima ku gipimo cya 67.9%.

Ku rundi ruhande, Serivisi zo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi, kuhira imyaka, ubwanikiro rusange bw'umusaruro, ubuhunikiro rusange bw'umusaruro no gukoresha imashini zihinga zishimwa n'abaturage ku bipimo biri munsi ya 25%.

## 1.1.5 Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'umusaruro

Ishusho 12: **Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'umusaruro**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ishusho iri hejuru iragaragaza ko ibirebana n'isoko ry'umusararuro bishimwa n'abaturage ku gipimo kiri hasi. Zimwe mu mpamvu zigaragazwa n'abahinzi zishingiye ku baguzi b'umusaruro babahenda bikabatera igihombo, uburyo butanoze bwo guhinika umusaruro bigatuma wangirika utaragera ku isoko ndetse n'ibikorwaremezo bitameze neza mu korohereza abahinzi kugeza umusaruro wabo ku isoko.

## 1.1.6 Uko abaturage babona imikorere y'abakora mu buhinzi

Ishusho 13: **Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu batanga serivisi mu buhinzi**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Abajyanama mu buhinzi nibo baza imbere mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 74.1%. Ku rundi ruhande, abaguzi b'umusaruro nibo bashimwa ku gipimo cyo hasi cya 43.8% kikaba cyaramanutse kivuye kuri 61.4% muri CRC 2023.

## 1.1.7. Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi

Muri ubu bushakashatsi kandi abaturage bagaragaje zimwe mu nzitizi zikibangamira iterambere ry'ubuhinzi nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira:

Ishusho 14: **Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kimwe n'izayibanjirije, CRC 2024 igaragaza ko imihindagurikire y'ikirere, indwara z'ibihingwa ndetse n'ubuke bw'inganda zitunganya umusaruro bikomeje kwiganza mu nzitizi zibangamira iterambere ry'ubuhinzi.

## 1.1.8. IBYIFUZONAMA

- Gukaza ingamba zijyanye no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere;
- Kongera ubushobozi bwo gukumira no kurwanya indwara z'ibihingwa;
- Kongera inganda zitunganya umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi no kunoza imikorere yazo;
- Kunoza imikorere ya gahunda yo gufasha abahinzi kubona imashini zikoreshwa mu buhinzi no mu kuhira imyaka.

Imbonerahamwe 9:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubuhinzi mu myaka ibiri (2024-2023)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Huye | 74.3% | 59.5% | ▲ | 14.8% |
| 2 | Rwamagana | 72.4% | 71.1% | ▲ | 1.3% |
| 3 | Nyaruguru | 71.7% | 64.4% | ▲ | 7.3% |
| 4 | Kayonza | 71.5% | 58.3% | ▲ | 13.2% |
| 5 | Gatsibo | 70.8% | 61.2% | ▲ | 9.6% |
| 6 | Kicukiro | 68.9% | 69.3% | ▼ | -0.4% |
| 7 | Muhanga | 68.5% | 72.9% | ▼ | -4.4% |
| 8 | Gicumbi | 68.2% | 53.3% | ▲ | 14.9% |
| 9 | Gisagara | 67.8% | 66.5% | ▲ | 1.3% |
| 10 | Bugesera | 67.2% | 63.9% | ▲ | 3.3% |
| 11 | Kamonyi | 66.7% | 73.5% | ▼ | -6.8% |
| 12 | Ruhango | 64.0% | 57.3% | ▲ | 6.7% |
| 13 | Gakenke | 63.9% | 69.7% | ▼ | -5.8% |
| 14 | Rusizi | 63.7% | 54.8% | ▲ | 8.9% |
| 15 | Nyamagabe | 61.7% | 63.2% | ▼ | -1.5% |
| 16 | Nyanza | 61.7% | 58.1% | ▲ | 3.6% |
| 17 | Rulindo | 59.9% | 67.0% | ▼ | -7.1% |
| 18 | Nyarugenge | 59.6% | 64.6% | ▼ | -5.0% |
| 19 | Nyagatare | 59.1% | 63.5% | ▼ | -4.4% |
| 20 | Burera | 57.1% | 65.4% | ▼ | -8.3% |
| 21 | Gasabo | 55.3% | 58.8% | ▼ | -3.5% |
| 22 | Ngororero | 55.1% | 64.2% | ▼ | -9.1% |
| 23 | Nyabihu | 53.7% | 58.1% | ▼ | -4.4% |
| 24 | Ngoma | 53.5% | 65.3% | ▼ | -11.8% |
| 25 | Karongi | 52.7% | 59.2% | ▼ | -6.5% |
| 26 | Rutsiro | 51.3% | 69.6% | ▼ | -18.3% |
| 27 | Nyamasheke | 50.4% | 59.1% | ▼ | -8.7% |
| 28 | Kirehe | 50.4% | 58.8% | ▼ | -8.4% |
| 29 | Musanze | 48.2% | 52.7% | ▼ | -4.5% |
| 30 | Rubavu | 45.3% | 75.2% | ▼ | -29.9% |
| IMPUZANDENGO | | 61.5% | 63.2% | ▼ | -1.7% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024






# 1.2. UBWOROZI

## 1.2.1. Intangiriro

Ubworozi ni kimwe mu byiciro 16 byakoreweho ubushakashatsi. Abakora imirimo igendanye n'ubworozi babajijwe kuri ibi bikurikira: Serivisi zirebana no kubangurira inka, ubuvuzi bw'amatungo, gukingira indwara, ibiryo by'amatungo, serivisi z'abavuzi b'amatungo, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi n'isoko ry'ibikomoka ku bworozi.


Ishusho 15: Abaturage bakora ubworozi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri ubu bushakashatsi abaturage 53.7% nibo bakora imirimo yerekeranye n'ubworozi muri bo 21.5% ni urubyiruko. Mu bakora iyi mirimo kandi, abagabo bangana na 45.6% mu gihe abagore ari 54.4%. Byongeye kandi, muri aba bakora imirimo yerekeranye n'ubworozi, 79% ntibarengeje amashuri abanza.


Ishusho 16: Urubyiruko rukora ubworozi hakurikijwe amashuri bize




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kimwe no mubuhinzi, ubushakashatsi bugaragaza ko benshi mu rubyiruko ruri mu bworozi bize amashuri abanza. Ibi bigaragaza ko urubyiruko rwize amashuri makuru rutitabira ubworozi.


Ishusho 17: Amatungo abaturage boroye




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ibyavuye mu bushakashatsi biragaragaza ko inka ari zo zorowe na benshi ku gipimo cya 63.1%.

Ishusho 18: Amatungo yorowe n'urubyiruko




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Kimwe no ku bandi borozi muri rusange, inka niryo tungo ryorowe na benshi mu rubyiruko kurusha ayandi matungo ku gipimo cya 57.1%.

Imbonerahamwe 10:
Amatungo yorowe n'abaturage hakurikijwe uturere

| Nº | AKARERE | INKA | INKOKO | INGURUBE | INKWAVU | IHENE | INTAMA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Bugesera | 40.3% | 33.2% | 28.1% | 5.6% | 64.8% | 1.5% |
| 2 | Burera | 71.2% | 11.6% | 22.8% | 4.7% | 21.9% | 25.6% |
| 3 | Gakenke | 70.7% | 18.0% | 42.2% | 15.3% | 30.3% | 16.3% |
| 4 | Gasabo | 64.4% | 29.8% | 23.1% | 11.5% | 45.2% | 1.9% |
| 5 | Gatsibo | 69.9% | 24.7% | 14.6% | 8.4% | 43.5% | 5.4% |
| 6 | Gicumbi | 80.5% | 28.7% | 19.9% | 10.8% | 34.7% | 15.1% |
| 7 | Gisagara | 62.6% | 24.7% | 41.4% | 8.6% | 49.5% | 2.0% |
| 8 | Huye | 57.7% | 26.9% | 55.2% | 15.4% | 36.3% | 4.0% |
| 9 | Kamonyi | 62.2% | 30.9% | 35.5% | 12.9% | 38.2% | 6.9% |
| 10 | Karongi | 73.4% | 21.4% | 28.1% | 5.2% | 29.7% | 3.1% |
| 11 | Kayonza | 45.1% | 22.5% | 26.9% | 6.0% | 54.9% | 4.9% |
| 12 | Kicukiro | 20.7% | 58.6% | 3.4% | 3.4% | 27.6% | 3.4% |
| 13 | Kirehe | 58.6% | 22.7% | 33.1% | 3.9% | 61.9% | 2.2% |
| 14 | Muhanga | 68.1% | 25.5% | 58.3% | 18.3% | 28.9% | 5.5% |
| 15 | Musanze | 53.1% | 22.7% | 20.8% | 7.7% | 26.1% | 31.4% |
| 16 | Ngoma | 53.2% | 21.4% | 41.0% | 3.5% | 55.5% | 1.7% |
| 17 | Ngororero | 76.8% | 17.5% | 43.5% | 14.2% | 20.3% | 11.4% |
| 18 | Nyabihu | 62.2% | 13.4% | 21.3% | 6.1% | 17.7% | 41.5% |
| 19 | Nyagatare | 55.3% | 32.4% | 17.3% | 7.3% | 50.8% | 9.5% |
| 20 | Nyamagabe | 65.9% | 20.5% | 61.7% | 9.5% | 28.4% | 7.6% |
| 21 | Nyamasheke | 65.6% | 22.2% | 46.1% | 6.7% | 27.8% | 3.3% |
| 22 | Nyanza | 69.7% | 25.0% | 18.1% | 5.9% | 49.5% | 3.7% |
| 23 | Nyarugenge | 45.7% | 34.8% | 15.2% | 10.9% | 43.5% | 2.2% |
| 24 | Nyaruguru | 77.4% | 18.5% | 40.5% | 2.1% | 27.7% | 3.6% |
| 25 | Rubavu | 54.0% | 17.3% | 19.4% | 2.2% | 14.4% | 34.5% |
| 26 | Ruhango | 59.7% | 23.0% | 30.4% | 7.9% | 47.6% | 4.2% |
| 27 | Rulindo | 68.7% | 22.9% | 25.2% | 12.1% | 29.9% | 20.6% |
| 28 | Rusizi | 47.9% | 23.2% | 53.6% | 4.6% | 28.9% | 4.1% |
| 29 | Rutsiro | 65.5% | 23.4% | 32.5% | 6.1% | 16.8% | 19.3% |
| 30 | Rwamagana | 54.4% | 31.3% | 18.4% | 8.8% | 55.1% | 4.1% |
| BOSE HAMWE | | 63.1% | 23.5% | 33.5% | 8.6% | 36.4% | 10.5% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Ishusho 19: **Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubworozi muri rusange**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bishimiye serivisi z'ubworozi ku gipimo cya 76.8%. Abagore bashima ku gipimo cya 77.5% naho abagabo bagashima ku gipimo cya 76.1%.

Ishusho 20: **Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi mu myaka irindwi ishize**




Ubworozi bushimwa kuri 76.8% muri uyu mwaka wa 2024 bihwanye na 85.3% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 4: Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi muri rusange hakurikijwe uturere




Abaturage bo mu turere dutandatu (Gicumbi, Muhanga, Ruhango, Burera, Gakenke, Kamonyi ) bashima serivisi z'ubworozi ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Akarere ka Gicumbi niko kari ku isonga mu gushima serivisi z'ubworozi ku gipimo cya 83.9% naho igipimo kiri hasi ni icy'Akarere ka Nyarugenge (66%).

## 1.2.2. Serivisi z'ubworozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 21: Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi hakurikijwe intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

## 1.2.3. Uburyo abaturage bakoresha mu kubangurira inka

Ishusho 22: **Uburyo abaturage bakoresha mu kubangurira inka**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Mu gihe gahunda ya Leta ari ugushishikariza abaturage guteresha intanga mu rwego rwo kuzamura umusaruro w'ubworozi no kwirinda indwara z'amatungo, ubu bushakashatsi buragaragaza ko aborozi bakoresha ubu buryo bakiri bake (19.4%) ugereranije na 69.2% bakibangurira ku mfizi.

## 1.2.4. Uko abaturage babona serivisi zitandukanye z'ubworozi


Ishusho 23: **Uko abaturage babona serivisi zitadukanye z'ubworozi**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Serivisi yo gukingira amatungo niyo iza imbere mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 83.5%. Ku rundi ruhande, imibonekere y'ibiryo by'amatungo ni yo serivisi ishimwa ku gipimo cyo hasi cya 45.1%.

Ishusho 24: Uko abaturage babona isoko ry'ibikomoka ku matungo atandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Abaturage bagaragaje ko kubona isoko ry'amagi byishimiwe ku gipimo cya 70.5%. Serivisi yo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi ni yo ishimwa ku gipimo cyo hasi munsi ya 35%. Ibi biragaragaza ko uburyo bwo kongerera agaciro ibikomoka ku matungo butaratera imbere.

## 1.2.5. Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'amata

Ishusho 25: Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'amata





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kubona isoko ry'amata bishimwa ku gipimo cya 52.5%, kikaba cyaramanutse kivuye kuri 58.1% muri CRC 2023. Abagore babishima kuri 54.8% mu gihe abagabo babishima kuri 50%.

## 1.2.6. Uko abaturage babona imikorere y'abakora mu bworozi

Ishusho 26: Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu batanga serivisi mu bworozi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ubushakashatsi bugaragaza ko veterineri wikorera ari we abaturage bashima kurusha abandi mu batanga serivisi z'ubworozi. Ku rundi ruhande, servisi zitangwa n'abajyanama mu bworozi ntizizwi n'aborozi ku gipimo cya 30.4%.

## 1.2.7. Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi

Ishusho 27: Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Inzitizi zagaragajwe kurusha izindi ku gipimo kiri hejuru ya 75% ni: imyumvire y'abaturage ku bwishingizi bw'amatungo ikiri hasi, uburyo bwo gutunganya no guhunika ibiryo by'amatungo butanoze, ibiryo by'amatungo bidahagije ndetse n'ubumenyi bw'abaturage mu kwita ku matungo yabo budahagije.

## 1.2.8. IBYIFUZONAMA

- Kongerera aborozi ubumenyi bwo kwita ku matungo no gukumira indwara zayo;
- Kunoza imibonekere y'ibiryo by'amatungo, uburyo bwo kubitunganya no kubihunika;
- Kwegereza aborozi ibikorwaremezo (imihanda, amazi, amashanyarazi n'amakusanyirizo y'amata).

Imbonerahamwe 11:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z’ubworozi mu myaka ibiri (2024-2023)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Gicumbi | 83.9% | 75.7% | ▲ | 8.2% |
| 2 | Muhanga | 82.9% | 80.7% | ▲ | 2.2% |
| 3 | Ruhango | 81.7% | 75.8% | ▲ | 5.9% |
| 4 | Burera | 80.6% | 78.7% | ▲ | 1.9% |
| 5 | Gakenke | 80.5% | 81.1% | ▼ | -0.6% |
| 6 | Kamonyi | 80.4% | 79.4% | ▲ | 1.0% |
| 7 | Huye | 79.6% | 77.2% | ▲ | 2.4% |
| 8 | Bugesera | 79.0% | 72.6% | ▲ | 6.4% |
| 9 | Gatsibo | 78.9% | 73.2% | ▲ | 5.7% |
| 10 | Nyanza | 78.8% | 80.8% | ▼ | -2.0% |
| 11 | Rwamagana | 78.5% | 79.3% | ▼ | -0.8% |
| 12 | Gisagara | 78.1% | 78.4% | ▼ | -0.3% |
| 13 | Rulindo | 77.5% | 80.9% | ▼ | -3.4% |
| 14 | Kayonza | 76.2% | 69.1% | ▲ | 7.1% |
| 15 | Nyaruguru | 76.0% | 75.2% | ▲ | 0.8% |
| 16 | Ngoma | 75.8% | 71.0% | ▲ | 4.8% |
| 17 | Nyamasheke | 75.1% | 80.4% | ▼ | -5.3% |
| 18 | Rutsiro | 75.1% | 78.9% | ▼ | -3.8% |
| 19 | Nyagatare | 73.9% | 73.9% | = | 0.0% |
| 20 | Kirehe | 73.7% | 71.1% | ▲ | 2.6% |
| 21 | Ngororero | 73.5% | 72.7% | ▲ | 0.8% |
| 22 | Kicukiro | 73.3% | 69.3% | ▲ | 4.0% |
| 23 | Rusizi | 72.7% | 74.4% | ▼ | -1.7% |
| 24 | Musanze | 72.7% | 75.1% | ▼ | -2.4% |
| 25 | Nyabihu | 72.4% | 70.7% | ▲ | 1.7% |
| 26 | Karongi | 72.2% | 75.5% | ▼ | -3.3% |
| 27 | Rubavu | 72.2% | 82.8% | ▼ | -10.6% |
| 28 | Nyamagabe | 71.8% | 81.4% | ▼ | -9.6% |
| 29 | Gasabo | 68.4% | 66.5% | ▲ | 1.9% |
| 30 | Nyarugenge | 66.0% | 71.7% | ▼ | -5.7% |
| IMPUZANDENGO | | 76.8% | 76.6% | ▲ | 0.2% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


# 1.3. IBIKORWAREMEZO



# 1.3.1. Intangiriro

Bimwe mu byihutisha iterambere ry'ibihugu, ni ukugira ibikorwaremezo bihagije, bimeze neza kandi bisaranganyije neza mu gihugu hose. Mu rwego rwo kureba uko Igihugu cyacu gihagaze, ubu bushakashatsi bwibanze kuri serivisi z'ibikorwaremezo by'amazi, amashanyarazi, ndetse n'imihanda n'amateme.


Ishusho 28: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ibikorwaremezo muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Abaturage bashima serivisi z'ibikorwaremezo ku gipimo cya 67.7%, iki gipimo kikaba cyaramanutse kuko cyari kuri 71% muri CRC ya 2023. Iyi mpinduka yaturutse ahanini ku bikorwaremezo by'amazi meza ataragera hose ndetse n'imihanda n'amateme bitameze neza. By'umwihariko ku birebana n'imihanda n'amateme, usibye mu turere turindwi (Kayonza, Gicumbi, Nyamasheke, Huye, Muhanga, Kicukiro na Ngororero) igipimo cyo gushima cyazamutseho ugereranije n'umwaka ushize, mu tundi twose dusigaye icyo cyaramanutse. Abagabo bashima izi serivisi ku gipimo cya 67.7%, naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 67.6%.


Ishusho 29: Uko abaturage bashima serivisi z'ibikorwaremezo mu myaka irindwi ishize




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, ibikorwaremezo birashimwa ku gipimo cya 67.7% muri uyu mwaka wa 2024 bihwanye na 75.2% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 5: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu bikorwaremezo hakurikijwe uturere




Abaturage bo mu turere dutanu (Kicukiro, Nyarugenge, Rubavu, Gasabo, Huye) nibo bashima serivisi z'ibikorwaremezo ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Akarere ka Kicukiro niko kaza ku isonga mu gushima ku gipimo cya 89.3%, mu gihe mu Karere ka Rutsiro ari ho abaturage bashima izi serivisi ku gipimo kiri hasi cya 55.7%.

## 1.3.2. Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 30: Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

## 1.3.3. Uko abaturage babona serivisi z'amazi

Ishusho 31: **Uko abaturage babona serivisi z'amazi**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ku baturage bafite amazi mu rugo, serivisi yo kubona inyemezabuguzi iri mu zishimwa cyane ku gipimo cya 84.1%. Imibonekere y'amazi haba ku bayafite mu rugo ndetse no kubakoresha amavomero rusange, bayishima ku gipimo cya 59.7%.


Imbonerahamwe 12:
Ababona amazi meza aho batuye hakurikijwe uturere mu myaka ibiri

| AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IKINYURANYO |
|---|---|---|---|
| Kayonza | 80.4% | 72.1% | 8.3% |
| Nyamasheke | 84.9% | 78.5% | 6.4% |
| Karongi | 66.7% | 61.0% | 5.6% |
| Ruhango | 62.3% | 57.4% | 4.9% |
| Rubavu | 90.3% | 86.1% | 4.2% |
| Gicumbi | 85.9% | 82.2% | 3.7% |
| Nyaruguru | 67.1% | 67.3% | -0.2% |
| Nyamagabe | 43.1% | 45.1% | -1.9% |
| Kicukiro | 96.4% | 98.7% | -2.2% |
| Gasabo | 82.0% | 85.8% | -3.8% |
| Nyarugenge | 93.5% | 97.4% | -3.9% |
| Bugesera | 75.8% | 80.6% | -4.8% |
| Musanze | 70.4% | 75.4% | -5.0% |
| Gakenke | 73.2% | 78.5% | -5.3% |
| Ngororero | 56.7% | 63.2% | -6.5% |
| Rulindo | 68.3% | 78.0% | -9.7% |
| Rusizi | 66.5% | 76.2% | -9.8% |
| Gatsibo | 64.7% | 76.7% | -12.1% |
| Ngoma | 66.8% | 78.9% | -12.1% |
| Rutsiro | 59.8% | 72.7% | -12.9% |
| Burera | 66.0% | 79.3% | -13.3% |
| Huye | 78.9% | 93.8% | -14.9% |
| Muhanga | 65.5% | 81.0% | -15.6% |
| Nyanza | 44.5% | 62.3% | -17.9% |
| Rwamagana | 64.2% | 85.4% | -21.2% |
| Kirehe | 65.6% | 87.8% | -22.1% |
| Nyabihu | 44.2% | 66.4% | -22.2% |
| Gisagara | 39.3% | 66.1% | -26.8% |
| Nyagatare | 48.9% | 76.4% | -27.5% |
| Kamonyi | 60.2% | 88.6% | -28.3% |
| BOSE HAMWE | 68.0% | 76.9% | -8.9 |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

### 1.3.4. Uko abagabo n'abagore babona imicungire y'amavomo rusange

Ishusho 32: Uko abagabo n'abagore babona imicungire y'amavomo rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri rusange, abaturage bashima serivisi z'amavomo rusange ku gipimo cya 72.4%. Abagabo bashima ku gipimo cya 72.7%, mu gihe abagore bashima ku gipimo cya 72.1%.


## 1.3.5. Serivisi z'amashanyarazi

Imbonerahamwe 13:
Abaturage bafite amashanyarazi

| Nº | AKARERE | CRC 2024 |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 98.8% |
| 2 | Nyarugenge | 96.9% |
| 3 | Gasabo | 87.7% |
| 4 | Rubavu | 82.1% |
| 5 | Ruhango | 73.8% |
| 6 | Burera | 71.6% |
| 7 | Rusizi | 71.4% |
| 8 | Rwamagana | 71.0% |
| 9 | Gisagara | 70.7% |
| 10 | Bugesera | 70.4% |
| 11 | Kayonza | 69.1% |
| 12 | Nyagatare | 67.5% |
| 13 | Gakenke | 67.5% |
| 14 | Rutsiro | 66.6% |
| 15 | Musanze | 66.2% |
| 16 | Nyamasheke | 66.0% |
| 17 | Gicumbi | 64.4% |
| 18 | Kamonyi | 64.2% |
| 19 | Karongi | 63.9% |
| 20 | Huye | 63.6% |
| 21 | Ngororero | 61.6% |
| 22 | Nyaruguru | 61.5% |
| 23 | Nyanza | 59.5% |
| 24 | Rulindo | 58.7% |
| 25 | Gatsibo | 57.2% |
| 26 | Muhanga | 54.8% |
| 27 | Kirehe | 50.0% |
| 28 | Ngoma | 46.2% |
| 29 | Nyabihu | 41.6% |
| 30 | Nyamagabe | 38.0% |
| | BOSE HAMWE | 66.6% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ishusho 33: Uko abaturage babona serivisi z'amashanyarazi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Mu bijyanye n'amashanyarazi, serivisi ishimwa cyane ni iy'uburyo bwo kwishyura amashanyarazi ku gipimo cya 87.1%, naho serivisi yo gusana imiyoboro y'amashanyarazi na mubazi ni yo iri ku gipimo cyo hasi cya 66.5%.

## 1.3.6. Imihanda n'amateme

Ishusho 34: Uko abaturage babona ibikorwaremezo by'imihanda n'amateme




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri rusange, ibikorwaremezo by'imihanda n'amateme bikwiye gushyirwamo imbaraga cyane kuko biri mu byo abaturage banenga ku gipimo cyo hejuru. Ugereranije na CRC 2023, igipimo cyo kunenga cyarazamutse kuko kiri kuri 63.5% kivuye kuri 57.7%.


Imbonerahamwe 14:
Uko abaturage bashima imihanda n'amateme mu myaka ibiri (2024-2023)

| Akarere | CRC 2024 | CRC 2023 | IKINYURANYO |
|---|---|---|---|
| Ngororero | 26.8% | 16.0% | 10.9% |
| Kicukiro | 68.0% | 57.3% | 10.6% |
| Muhanga | 46.1% | 35.6% | 10.5% |
| Huye | 41.0% | 34.2% | 6.8% |
| Nyamasheke | 32.1% | 27.0% | 5.1% |
| Gicumbi | 43.1% | 40.3% | 2.8% |
| Kayonza | 30.4% | 29.2% | 1.2% |
| Nyarugenge | 58.4% | 58.5% | -0.1% |
| Rusizi | 25.3% | 26.2% | -0.9% |
| Bugesera | 51.6% | 52.8% | -1.2% |
| Gakenke | 35.3% | 36.7% | -1.4% |
| Nyamagabe | 19.8% | 21.9% | -2.2% |
| Gasabo | 40.7% | 44.7% | -4.0% |
| Nyabihu | 33.8% | 38.3% | -4.6% |
| Musanze | 31.3% | 36.4% | -5.1% |
| Nyanza | 29.1% | 35.7% | -6.5% |
| Karongi | 22.1% | 28.8% | -6.6% |
| Rubavu | 49.8% | 57.9% | -8.1% |
| Ruhango | 26.2% | 34.3% | -8.1% |
| Nyaruguru | 34.2% | 42.5% | -8.3% |
| Rwamagana | 42.6% | 51.9% | -9.2% |
| Burera | 38.3% | 47.5% | -9.3% |
| Kirehe | 33.8% | 45.8% | -12.0% |
| Gisagara | 29.0% | 43.3% | -14.3% |
| Gatsibo | 28.6% | 44.1% | -15.5% |
| Rulindo | 35.0% | 54.1% | -19.1% |
| Nyagatare | 44.8% | 64.4% | -19.5% |
| Kamonyi | 33.2% | 53.3% | -20.1% |
| Ngoma | 44.0% | 64.6% | -20.6% |
| Rutsiro | 11.1% | 38.8% | -27.7% |
| BOSE HAMWE | 36.5% | 42.3% | -5.8% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

## 1.3.7. Inzitizi zagaragajwe n'abaturage mu bikorwaremezo

Ishusho 35: **Inzitizi abaturage babona mu bikorwaremezo**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Nk'uko byari bimeze muri CRC 2023, inzitizi ikomeje kuza ku isonga mu bikorwaremezo abaturage bagaragaje ni ijyanye n'ibiza n'imihindagurikire y'ikirere aho iri ku gipimo cya 82%. Amazi, amashanyarazi ndetse n'imihanda n'amateme bitaragera aho bikenewe hose nazo ni inzitizi zagaragajwe cyane. Ariko n'izindi nzitizi ziragaragara ko zihari ku bipimo biri hejuru ya 45%.


## 1.3.8. IBYIFUZONAMA

- Gukaza ingamba zo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere;
- Kwihutisha ingamba zo kwegereza abaturage amazi n' amashanyarazi ndetse no kunoza serivisi zo gusana imiyoboro;
- Gushyiraho uburyo buhoraho bwo kubungabunga imihanda n'amateme no kubishyira aho bitari.

Imbonerahamwe 15:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ibikorwaremezo mu myaka ibiri (2024-2023)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 89.3% | 86.3% | ▲ | 3.1% |
| 2 | Nyarugenge | 81.5% | 86.6% | ▼ | -5.1% |
| 3 | Rubavu | 77.0% | 83.1% | ▼ | -6.0% |
| 4 | Gasabo | 76.3% | 80.3% | ▼ | -4.1% |
| 5 | Huye | 75.0% | 71.8% | ▲ | 3.2% |
| 6 | Kayonza | 72.8% | 69.9% | ▲ | 2.9% |
| 7 | Nyaruguru | 72.6% | 63.4% | ▲ | 9.2% |
| 8 | Gicumbi | 71.1% | 72.6% | ▼ | -1.4% |
| 9 | Nyamasheke | 70.0% | 71.9% | ▼ | -2.0% |
| 10 | Bugesera | 69.5% | 67.1% | ▲ | 2.3% |
| 11 | Burera | 68.9% | 75.3% | ▼ | -6.4% |
| 12 | Gakenke | 68.2% | 69.8% | ▼ | -1.5% |
| 13 | Musanze | 67.4% | 69.8% | ▼ | -2.4% |
| 14 | Nyagatare | 66.7% | 70.1% | ▼ | -3.4% |
| 15 | Rwamagana | 66.5% | 73.2% | ▼ | -6.7% |
| 16 | Ruhango | 65.5% | 62.0% | ▲ | 3.5% |
| 17 | Karongi | 65.1% | 67.7% | ▼ | -2.6% |
| 18 | Muhanga | 63.0% | 67.6% | ▼ | -4.7% |
| 19 | Ngoma | 62.9% | 67.5% | ▼ | -4.6% |
| 20 | Nyanza | 62.6% | 64.9% | ▼ | -2.3% |
| 21 | Rusizi | 62.6% | 65.9% | ▼ | -3.3% |
| 22 | Kamonyi | 61.5% | 73.5% | ▼ | -12.0% |
| 23 | Gatsibo | 60.5% | 64.9% | ▼ | -4.4% |
| 24 | Gisagara | 60.1% | 66.7% | ▼ | -6.6% |
| 25 | Nyabihu | 59.6% | 65.2% | ▼ | -5.6% |
| 26 | Ngororero | 59.1% | 59.2% | ▼ | -0.1% |
| 27 | Kirehe | 57.5% | 69.3% | ▼ | -11.9% |
| 28 | Rulindo | 57.0% | 72.6% | ▼ | -15.6% |
| 29 | Nyamagabe | 56.2% | 57.6% | ▼ | -1.4% |
| 30 | Rutsiro | 55.7% | 69.1% | ▼ | -13.5% |
| IMPUZANDENGO | | 67.7% | 71.0% | ▼ | -3.3% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024






# 1.4. IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO



## 1.4.1. Intangiriro

Nk'uko bikubiye muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1), biteganyijwe ko muri uyu mwaka wa 2024, serivisi zose za Leta ziba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego muri ubu bushakashatsi harebwe uko abaturage babona bimwe mu bikorwa na serivisi by'ikoranabuhanga n'itumanaho bikurikira: interineti, telefoni, radiyo, televiziyo, ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera (IECMS), imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu burezi, kwishyura no guhererekanya amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga (Mobile Money, Airtel Money, Internet banking, Ikarita ya banki), urubuga rw'irembo ndetse n'inzitizi abaturage bahura nazo mu mikoreshereze y'ikoranabuhanga n'itumanaho.


Ishusho 36: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Muri rusange, serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho zishimwa ku gipimo cya 75.3%. Abagabo bazishima ku gipimo cya 76.9%, naho abagore bakazishima ku gipimo cya 74.1%.

Ishusho 37: Uko abaturage bashima serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho mu myaka itanu ishize




Serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho zirashimwa ku gipimo cya 75.3% muri uyu mwaka wa 2024 bihwanye na 83.7% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 6: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu Ikoranabuhanga n'Itumanaho hakurikijwe uturere




Ubushakashatsi buragaragaza ko serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho zishimwa n'abaturage ku gipimo kiri hejuru ya 75% mu turere cumi na dutandatu (16), aho Akarere ka Kicukiro kaza ku isonga ku gipimo cya 89.8% naho Akarere ka Ngoma kakaba ari ko kari inyuma ku gipimo cya 62.7%.

## 1.4.2. Ikoranabuhanga n'itumanaho hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 38: Uko abaturage babona serivisi z'ikoranabuhanga hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

## 1.4.3. Imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi

Ishusho 39: Uko abaturage babona imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Mu miyoboro y'itumanaho abaturage bakoresha, imikorere ya radiyo ni yo ishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 68.1%, umuyoboro wa interineti ugashimwa ku gipimo cyo hasi cya 24.4%.

Abatazi imikorere ya televiziyo bari ku gipimo cyo hejuru cya 52.9% naho abatazi imikorere ya interineti bakaba ku gipimo cya 48.4%.

N'ubwo intego z'igenamigambi ry'urwego rw'ikoranabuhanga n'itumanaho (ICT SSP, 2018-2024) ari uko abaturage bagezwaho internet ku gipimo cya 90% mu mwaka wa 2024, ubu bushakashatsi buragaragaza ko abazi imikorere yayo bakiri bake. Ibi bikaba byahuzwa nuko abakoresha internet bakiri ku gipimo cya 22.8% nk'uko byagaragajwe n'ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire rya 2022.

Ishusho 40: Uko urubyiruko rubona serivisi za interineti





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kimwe n'abandi baturage, urubyiruko na rwo rushima serivisi za interineti ku gipimo cyo hasi cya 31.6% ndetse abenshi bakaba batazi kuyikoresha.

## 1.4.4. Urubuga rw'Irembo

Urubuga rw'Irembo ni umuyoboro w'ikoranabuhanga washyizweho nk'uburyo bwo gufasha abaturage kubona serivisi za Leta mu buryo bworoshye, bunoze kandi bwizewe. Muri ubu bushakashatsi, harebwe uko abaturage bazi urubuga rw'Irembo, uburyo barukoresha n'uko babona serivisi zitangwa hifashishijwe Irembo.

Ishusho 41: Uko abagabo n'abagore bazi urubuga rw'Irembo.





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ibyavuye mu bushakashatsi byerekana ko abaturage bazi serivisi z'Irembo ku gipimo cya 80.7% aho abagabo bazizi ku gipimo cya 84.6%, naho abagore bakazimenya ku gipimo cya 77.9%.

### 1.4.4.1. Uburyo abaturage bakoresha serivisi z'Irembo


Ishusho 42: Uburyo abaturage bakoresha serivisi z'Irembo




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kugana abatanga serivisi z'Irembo (*agents*) ni bwo buryo bukomeje gukoreshwa cyane n'abaturage kuko bari ku gipimo cya 91.2%, mu gihe ubundi buryo busigaye bukoreshwa ku bipimo biri hasi cyane. Ibi birerekana ko abaturage bataragera ku rwego rwo kubyikorera nk'uko biri muri gahunda ya minisiteri ifite ikorabuhanga mu nshingano.

Ishusho 43: Uburyo urubyiruko rukoresha serivisi z'Irembo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kimwe n'abandi baturage, abenshi mu rubyiruko (87.2%) iyo bakeneye serivisi z'Irembo bagana abatanga serivisi zaryo (Agents). Ibi bisobanuye ko ubumenyi ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga (digital literacy) bukiri hasi mu rubyiruko bituma gahunda ya "byikorere" itihuta nk'uko byari biteganyijwe.

### 1.4.4.2. Uko abaturage babona serivisi z'Irembo

Ishusho 44: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'Irembo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Abaturage bakoresha serivisi z'Irembo barazishima ku gipimo cya 89.6%. Abagore bazishima ku gipimo cya 89.8% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 89.4%.

### 1.4.4.3. Uko abaturage babona imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu burezi

Ishusho 45: **Uko abaturage babona imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu burezi**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu burezi irashimwa ku gipimo cya 59.8%, kikaba cyarazamutse kivuye kuri 52.8% muri CRC 2023. Iki gipimo kandi kiragaragaza ko hakiri imbogamizi mu kugera ku ntego y'uko guteza imbere ikoranabuhanga mu mashuri binyuze mu gushyiraho ibyumba by'ikoranabuhanga (Smart Classrooms) bigera kuri 70% muri uyu mwaka wa 2024.

### 1.4.5. Imikorere y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'Ubutabera

Ishusho 46: **Uko abaturage babona imikorere y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Abaturage bashima imikorere y'ikoranabuhanga ryo gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera (IECMS) ku gipimo cya 73.5%.

## 1.4.6. Imikorere yo kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni

Ishusho 47: **Uko abaturage babona imikorere yo kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni (Mobile Money, Airtel Money, Internet banking) bishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 94.2%. Ibi biragaragaza ko iyi gahunda yo kwishyurana no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni (cashless policy ) igenda yumvikana neza mu baturage.

## 1.4.7. Inzitizi mu ikoranabuhanga n'itumanaho

Ishusho 48: **Inzitizi mu ikoranabuhanga n'itumanaho**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ubumenyi budahagije mu mikoreshereze ya serivisi z'ikoranabuhanga (digital literacy) na réseau (network) idahagije ni zo nzitizi zikomeje kugaragazwa cyane n'abaturage nk'izibangamira iterambere ry'ikoranabuhanga n'itumanaho.

## 1.4.8. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza kwegereza abaturage ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga n'itumanaho, cyane cyane iminara n'imiyoboro ya interineti;
- Gukomeza ubukangurambaga n'amahugurwa ku baturage ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga ry'ibanze mu mitangire ya serivisi.

Imbonerahamwe 16:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho mu myaka ibiri (2024-2023)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 89.8% | 82.0% | ▲ | 7.8% |
| 2 | Nyarugenge | 84.4% | 80.9% | ▲ | 3.5% |
| 3 | Huye | 83.5% | 75.2% | ▲ | 8.3% |
| 4 | Ruhango | 82.0% | 72.4% | ▲ | 9.6% |
| 5 | Kayonza | 81.2% | 63.4% | ▲ | 17.8% |
| 6 | Gicumbi | 78.9% | 69.8% | ▲ | 9.1% |
| 7 | Bugesera | 77.8% | 69.1% | ▲ | 8.7% |
| 8 | Muhanga | 77.6% | 71.6% | ▲ | 6.0% |
| 9 | Rwamagana | 77.6% | 75.7% | ▲ | 1.9% |
| 10 | Gasabo | 77.3% | 78.3% | ▼ | -1.0% |
| 11 | Nyaruguru | 77.1% | 74.4% | ▲ | 2.7% |
| 12 | Gakenke | 76.5% | 75.3% | ▲ | 1.2% |
| 13 | Karongi | 75.9% | 75.8% | ▲ | 0.1% |
| 14 | Rusizi | 75.5% | 69.5% | ▲ | 6.0% |
| 15 | Nyamagabe | 75.1% | 69.2% | ▲ | 5.9% |
| 16 | Gatsibo | 75.1% | 63.9% | ▲ | 11.2% |
| 17 | Rulindo | 74.8% | 72.2% | ▲ | 2.6% |
| 18 | Nyagatare | 73.7% | 75.2% | ▼ | -1.5% |
| 19 | Nyanza | 73.1% | 71.1% | ▲ | 2.0% |
| 20 | Gisagara | 72.4% | 69.7% | ▲ | 2.7% |
| 21 | Nyabihu | 72.2% | 75.3% | ▼ | -3.1% |
| 22 | Kamonyi | 71.9% | 76.0% | ▼ | -4.1% |
| 23 | Musanze | 71.8% | 65.8% | ▲ | 6.0% |
| 24 | Ngororero | 71.2% | 66.8% | ▲ | 4.4% |
| 25 | Rubavu | 71.2% | 81.1% | ▼ | -9.9% |
| 26 | Burera | 70.8% | 77.9% | ▼ | -7.1% |
| 27 | Nyamasheke | 68.8% | 76.2% | ▼ | -7.4% |
| 28 | Rutsiro | 68.5% | 73.4% | ▼ | -4.9% |
| 29 | Kirehe | 63.1% | 70.0% | ▼ | -6.9% |
| 30 | Ngoma | 62.7% | 71.7% | ▼ | -9.0% |
| IMPUZANDENGO | | 75.3% | 72.8% | ▲ | 2.5% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024





# 1.5. UBUTAKA N'IMITURIRE




# 1.5.1. Intangiriro

Muri serivisi z'ubutaka n'imiturire hibanzwe ku bijyanye no kwandikisha ubutaka, gutanga ibyangombwa by'ubutaka, guhererekanya uburenganzira ku butaka, kubona amakuru ku gishushanyo mbonera, gukumira imyubakire y'akajagari, kurwanya imiturire yo mu manegeka, kubona icyangombwa cyo gusana no kubaka, gutura mu midugudu ndetse no kugeza ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa.

Ku bijyanye n'ibikorwa bibangamiye ibidukikije, harebwe gucana inkwi n'amakara, isuri, gutema amashyamba binyuranyije n'amategeko, kutubahiriza metero zagenwe mu kubungabunga ibishanga, imigezi n'inzuzi, ndetse no kudasiba ibyobo ahacukuwe kariyeri, ibumba n'amabuye y'agaciro.


Ishusho 49: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubutaka n'imiturire muri rusangenge




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Ubushakashatsi bugaragaza ko abaturage bazi serivisi z'ubutaka n'imiturire bazishima ku gipimo cya 64.2%, kikaba cyarazamutseho 3.8% ugereranije na CRC ya 2023. Abagore bazishima ku gipimo cya 65.5% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 62.5%.

Ishusho 50: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka n'imiturire mu myaka irindwi ishize




Serivisi z'ubutaka n'imiturire zirashimwa ku gipimo cya 64.2% muri uyu mwaka wa 2024 bihwanye na 71.3% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 7: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka n'imiturire hakurikijwe uturere




Mu Karere ka Kicukiro niho serivisi z'ubutaka zishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 75.8% naho mu Karere ka Rulindo zigashimwa ku gipimo cyo hasi cya 51.1%

## 1.5.2. Serivisi z'ubutaka n'imiturire hakurikijwe intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 45: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka n'imiturire hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

## 1.5.3. Serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi

Ishusho 52: **Uko abaturage babona serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bashima gahunda yo gutuza abantu mu midugudu, gukumira imyubakire y'akajagari no kurwanya imiturire yo mu manegeka ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Serivisi yo guhererekanya uburenganzira ku butaka niyo yazamutse cyane kuko yavuye kuri 43.6% muri CRC 2023 ikagera kuri 58.5% uyu mwaka. Ibi bishobora kuba bifitanye isano n'amavugurura yakozwe muri iyi serivisi yo guhererekanya uburengazira ku butaka ndetse no gutanga ibyangombwa byabwo.

Ku rundi ruhande, serivisi zijyanye no kugeza ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa ndetse no kubona amakuru ku gishushanyo mbonera nizo zishimwa ku gipimo kiri munsi ya 50%. Ku bijyanye no kubona amakuru ku gishushanyo mbonera, nta karere na kamwe gafite abashima ku gipimo nibura cya 75% kuko aho bashima ku gipimo cyo hejuru ari mu Karere ka Kicukiro ku gipimo cya 73.8%.

## 1.5.4. Uko abagabo n'abagore babona serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka

Ishusho 53: **Uko abagabo n'abagore babona serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka zishimwa ku gipimo cya 61.3%, kikaba cyarazamutseho 7.5% ugereranije na CRC 2023. Abagore bazishima ku gipimo cya 63.4% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 58.5%.

## 1.5.5. Uko abaturage babona ibikorwa bibangamira ibidukikije

Ishusho 54: **Uko abaturage babona bimwe mu bikorwa bibangamira ibidukikije**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ubushakashatsi bwagaragaje ko gucana inkwi n'amakara (83.4%) ndetse n'isuri (61.1%) ari byo bikomeje kuza imbere mu kubangamira ibidukikije.

## 1.5.6. Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka n'imiturire

Muri serivisi z'ubutaka n'imiturire hagaragajwe inzitizi zitandukanye nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira:

Ishusho 55: **Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka n'imiturire**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kutabona amakuru ahagije ku cyo ubutaka bugenewe gukoreshwa niyo nzitizi yagaragajwe cyane. Izindi nzitizi ziganje ni ubutaka butaberanye n'icyo bukoreshwa, kutubahiriza igihe cyagenwe mu gutanga serivisi z'ubutaka ndetse n'iminsi mike yagenewe serivisi z'ubutaka aho biri ku gipimo kiri hejuru ya 50%.

## 1.5.7. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza kumenyekanisha igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka;
- Gukomeza kunoza ingamba zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka n' ihererekanya ryabwo;
- Gukomeza kugeza ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa.

Imbonerahamwe 17:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubutaka n'imiturire mu myaka ibiri (2024-2023)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 75.8% | 64.9% | ▲ | 10.9% |
| 2 | Huye | 72.8% | 55.1% | ▲ | 17.7% |
| 3 | Nyaruguru | 72.4% | 59.5% | ▲ | 12.9% |
| 4 | Gisagara | 69.1% | 68.2% | ▲ | 0.9% |
| 5 | Ruhango | 69.0% | 51.2% | ▲ | 17.8% |
| 6 | Rwamagana | 69.0% | 66.7% | ▲ | 2.3% |
| 7 | Bugesera | 67.4% | 57.7% | ▲ | 9.7% |
| 8 | Muhanga | 67.2% | 62.6% | ▲ | 4.6% |
| 9 | Kayonza | 67.2% | 51.7% | ▲ | 15.5% |
| 10 | Kirehe | 66.3% | 63.3% | ▲ | 3.0% |
| 11 | Rusizi | 66.2% | 65.4% | ▲ | 0.8% |
| 12 | Burera | 65.9% | 69.5% | ▼ | -3.6% |
| 13 | Nyarugenge | 65.8% | 63.1% | ▲ | 2.7% |
| 14 | Rubavu | 65.4% | 61.2% | ▲ | 4.2% |
| 15 | Ngoma | 65.4% | 63.8% | ▲ | 1.6% |
| 16 | Gakenke | 63.7% | 57.2% | ▲ | 6.5% |
| 17 | Gicumbi | 63.6% | 50.2% | ▲ | 13.4% |
| 18 | Gatsibo | 63.1% | 53.1% | ▲ | 10.0% |
| 19 | Nyamasheke | 62.7% | 62.5% | ▲ | 0.2% |
| 20 | Gasabo | 61.6% | 56.9% | ▲ | 4.7% |
| 21 | Ngororero | 61.5% | 59.4% | ▲ | 2.1% |
| 22 | Nyabihu | 61.3% | 66.6% | ▼ | -5.3% |
| 23 | Karongi | 61.0% | 57.4% | ▲ | 3.6% |
| 24 | Rutsiro | 61.0% | 61.2% | ▼ | -0.2% |
| 25 | Nyagatare | 60.6% | 69.9% | ▼ | -9.3% |
| 26 | Kamonyi | 59.7% | 62.2% | ▼ | -2.5% |
| 27 | Nyanza | 59.3% | 60.6% | ▼ | -1.3% |
| 28 | Musanze | 59.2% | 54.4% | ▲ | 4.8% |
| 29 | Nyamagabe | 53.1% | 65.8% | ▼ | -12.7% |
| 30 | Rulindo | 51.1% | 51.2% | ▼ | -0.1% |
| | IMPUZANDENGO | 64.2% | 60.4% | ▲ | 3.8% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024






## 1.6. URWEGO RW’ ABIKORERA



# 1.6.1. Intangiriro

Urwego rw'abikorera rugira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu ndetse n'imibereho myiza y'abaturage muri rusange. Ni muri urwo rwego abaturage bagaragaje uko babona zimwe muri serivisi bagezwaho mu rwego rw'abikorera harimo gutwara abantu muri bisi, gutwara abantu kuri moto, ubucuruzi bwo mu isoko no mu maduka, guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni, ibimina, SACCO, banki z'ubucuruzi, ibigo by'imari iciriritse, ndetse n'imikorere y'amakoperative.


Ishusho 56: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'urwego rw'abikorera muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Serivisi z'urwego rw'abikorera zishimwa ku gipimo cya 76.7%. Abagore bazishima ku gipimo cya 77.8% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 75.5%.

Ishusho 37: Uko abaturage bashima serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho mu myaka itanu ishize




Serivisi z'urwego rw'abikorera zirashimwa ku gipimo cya 76.7% muri uyu mwaka wa 2024 bihwanye na 85.2% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 8: Uko abaturage bashima serivisi z'abikorera hakurikijwe uturere




Serivisi z'urwego rw'abikorera zirashimwa ku gipimo nibura cya 80% mu turere twa Kicukiro, Huye, Kayonza, Gicumbi, Bugesera, Rwamagana na Nyarugenge. Mu turere 23 dusigaye serivisi z'urwego rw'abikorera zirashimwa ku gipimo kiri hagati ya 69% na 79%.

## 1.6.2. Serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 58: Uko abaturage bashima serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

## 1.6.3. Uko abaturage babona serivisi z'urwego rw'abikorera

Ishusho 59: Uko abaturage babona serivisi z'urwego rw' abikorera





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Mu rwego rw'abikorera, gutwara abantu kuri moto niyo serivisi ishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 74.8%. Gutwara abantu muri bisi niyo serivisi abaturage bashima ku gipimo cyo hasi cya 50.2% ariko ikaba yarazamutseho 5.5% ivuye kuri 44.7% muri CRC 2023.


## 1.6.4. Abagabo n'abagore bakorana n'ibigo by'imari

Ishusho 60: **Uko abagabo n'abagore bakorana n'ibigo by'imari bitandukanye**




Ubushakashatsi buragaragaza ko abaturage benshi bakorana na Mobile Money & Airtel Money ndetse n'ibimina kurusha ibindi bigo by'imari kuko bari hejuru ya 70% by'ababajijwe haba ku bagabo ndetse no ku bagore.

Ishusho 61: Uko urubyiruko rukorana n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kimwe no ku bandi baturage, urubyiruko rukoresha cyane Mobile money na Airtel money ugereranije n'ibindi bigo by'imari.

## 1.6.5. Uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira

Ishusho 62: Uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ubushakashatsi buragaragaza ko abaturage bafite uburyo bwo kwizigamira ari 79.9% by'ababajijwe. Ku bijyanye n'uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira, ikimina ni cyo kiza imbere (78.6%) hagakurikiraho Mobile money na Airtel money (58.5%). Abaturage bemeje ko bizigamira muri Ejo Heza ni 40.6%.

## 1.6.6. Serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse

Ishusho 63: Uko abaturage babona serivisi bahabwa n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri rusange serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse zishimwa ku gipimo kiri hejuru ya 85%, aho serivisi za Mobile Money na Airtel Money ari zo zishimwa cyane ku gipimo cya 95%.

## 1.6.7. Imikorere y'amakoperative


Ishusho 64:: Uko abanyamuryango b'amakoperative babona imikorere yayo




Abanyamuryango b'amakoperative bashima imikorere yayo ku gipimo cya 86.2%, aho mu Karere ka Rwamagana bayishima ku gipimo cyo hejuru cya 98.5% naho mu Karere ka Gisagara bakayishima ku gipimo cyo hasi cya 71.3%.

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ishusho 65: Imbogamizi mu mikorere y'amakoperative




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Inzitizi zagaragajwe kurusha izindi mu mikorere y'amakoperative ni imicungire itanoze ya koperative, ikimenyane ndetse n'inzego za Leta zidakurikirana imikorere yayo.

## 1.6.8. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza kunoza serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange;
- Gukomeza kubaka umuco wo gutanga serivisi inoze cyane cyane mu mahoteri, resitora, utubari, amasoko n'amaduka;
- Gukomeza kunoza no gukurikirana imiyoborere, imicungire n'imikorere y'amakoperative.

Imbonerahamwe 18:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'abikorera mu myaka ibiri (2024-2023)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 85.4% | 81.9% | ▲ | 3.5% |
| 2 | Huye | 85.1% | 79.1% | ▲ | 6.0% |
| 3 | Kayonza | 83.8% | 73.1% | ▲ | 10.7% |
| 4 | Gicumbi | 82.5% | 72.8% | ▲ | 9.7% |
| 5 | Bugesera | 82.4% | 73.2% | ▲ | 9.2% |
| 6 | Rwamagana | 82.3% | 76.9% | ▲ | 5.4% |
| 7 | Nyarugenge | 80.7% | 78.5% | ▲ | 2.2% |
| 8 | Nyaruguru | 78.8% | 76.4% | ▲ | 2.4% |
| 9 | Rubavu | 78.8% | 83.6% | ▼ | -4.8% |
| 10 | Rusizi | 78.6% | 68.7% | ▲ | 9.9% |
| 11 | Ruhango | 78.2% | 73.9% | ▲ | 4.3% |
| 12 | Nyagatare | 78.0% | 80.1% | ▼ | -2.1% |
| 13 | Muhanga | 77.6% | 71.7% | ▲ | 5.9% |
| 14 | Gatsibo | 76.0% | 75.5% | ▲ | 0.5% |
| 15 | Gasabo | 75.6% | 75.5% | ▲ | 0.1% |
| 16 | Gisagara | 75.5% | 79.8% | ▼ | -4.3% |
| 17 | Kamonyi | 75.5% | 80.1% | ▼ | -4.6% |
| 18 | Rulindo | 74.1% | 74.8% | ▼ | -0.7% |
| 19 | Burera | 73.4% | 82.7% | ▼ | -9.3% |
| 20 | Nyamagabe | 73.3% | 69.8% | ▲ | 3.5% |
| 21 | Nyabihu | 73.3% | 73.5% | ▼ | -0.2% |
| 22 | Kirehe | 72.5% | 74.6% | ▼ | -2.1% |
| 23 | Nyanza | 72.2% | 76.0% | ▼ | -3.8% |
| 24 | Musanze | 72.2% | 71.4% | ▲ | 0.8% |
| 25 | Ngoma | 72.0% | 80.7% | ▼ | -8.7% |
| 26 | Rutsiro | 71.3% | 77.9% | ▼ | -6.6% |
| 27 | Karongi | 71.1% | 77.9% | ▼ | -6.8% |
| 28 | Ngororero | 70.8% | 67.5% | ▲ | 3.3% |
| 29 | Gakenke | 69.5% | 73.8% | ▼ | -4.3% |
| 30 | Nyamasheke | 69.2% | 79.8% | ▼ | -10.6% |
| IMPUZANDENGO | | 76.7% | 76.2% | ▲ | 0.5% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

2

# INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE





## 2.1. UBUREZI




# 2. 1.1. Intangiriro

Uburezi bufite ireme kuri bose, ni imwe mu ntego z'icyerekezo 2050. Ni muri urwo rwego, uburezi bwibanda mu kubaka ubushobozi bukenewe ku isoko ry'umurimo. Leta y' u Rwanda ikomeje gufata ingamba zitandukanye kugira ngo urwego rw'uburezi rugire uruhare mu iterambere ry'ubukungu bushingiye ku bumenyi.

Ni muri urwo rwego CRC yibanda kuri gahunda zitandukanye z'uburezi zirimo: inyubako z'amashuri, amazi meza ku mashuri, amashanyarazi ku mashuri, isuku ku mashuri, gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri, kugabanya ubucucike bw'abana mu mashuri, imyigire y'abana, uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana, uruhare rwa komite y'ababyeyi n'abarimu (PTA) mu micungire y'amashuri, uruhare rw'abayobozi b'amashuri mu micungire n'imikorere y'amashuri n'imyitwarire y'abarimu mu mashuri.


Ishusho 66: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'uburezi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Abaturage bashima uburezi ku gipimo cya 76%, aho abagabo bazishima ku gipimo cya 76.6% naho abagore bakazishima ku gipimo cya 75.6%.

Ishusho 67: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi mu myaka irindwi ishize




Serivisi na gahunda z'uburezi birashimwa ku gipimo cya 76% muri uyu mwaka wa 2024 bihwanye na 84.4% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 9: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi hakurikijwe uturere




Ubushakasatsi buragaragaza ko uturere dutandatu (6) ari two abaturage bashima serivisi na gahunda z'uburezi ku gipimo kiri hejuru ya 80%, aho Akarere ka Huye ari ko kaza ku isonga ku gipimo cya 89% mu gihe Akarere ka Musanze ariko izi serivisi zishimwa ku gipimo cyo hasi cya 67.6%.

## 2.1.2. Serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 68: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


## 2.1.3. Ibikorwa na zimwe muri serivisi zo mu rwego rw'uburezi

Ishusho 69: Uko abaturage babona ibikorwa na zimwe muri serivisi zo mu rwego rw'uburezi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Ishusho 70: Uko serivisi yo gutanga ifunguro rya saa sita ku ishuri ishimwa mu myaka irindwi




Serivisi yo gutanga ifunguro rya saa sita ku ishuri niyo ishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 81.5% ikaba ikomeje kuzamuka uhereye mu myaka ine ishize. Ibi bifitanye isano n'amavugurura yakozwe muri iyi gahunda yo kugaburira abana ku mashuri.

## 2.1.4. Uko abaturage babona kwegerezwa amashuri mu rwego rw'uburezi


Ishusho 71: Uko abaturage babona kwegerezwa amashuri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Amashuri abanza ndetse n'ayisumbuye abaturage bemeza ko abegereye ku gipimo kiri hejuru ya 95%, mu gihe amashuri y'imyuga akiri make kuko abemeza ko abegereye bari ku gipimo cya 63.5%.

Ishusho 72: Uko abagabo n'abagore babona uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri rusange uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana ruri ku gipimo cya 70.1%, aho abagabo barushima ku gipimo cya 71.1% naho abagore bakarushima ku gipimo cya 69.3%.

## 2.1.5. Inzitizi zibangamira urwego rw'uburezi


Ishusho 73: Inzitizi abaturage babona zikiri mu burezi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Abana bata ishuri ni inzitizi ikomeje kuza imbere mu bibangamira iterambere ry'uburezi aho iri ku gipimo cya 78.2%.

Ishusho 74: Impamvu zitera abana guta ishuri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Abangavu baterwa inda niyo mpamvu ikomeje kugaragazwa kurusha izindi mu zituma abana bata ishuri. Izi mpamvu zose zituma abana bata ishuri zibangamira kugera ku ntego y'uburezi kuri bose, by'umwihariko ku bana b'abakobwa.

## 2.1.6. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza kongera umubare w'amashuri y'imyuga mu rwego rwo kuzamura ubukungu bushingiye ku bumenyi;
- Gukomeza gukangurira ababyeyi kugira uruhare rugaragara mu burezi n'uburere bw'abana;
- Gukomeza guhangana n'ikibazo cy'abangavu baterwa inda;
- Gukomeza kugeza ibikorwaremezo by'amazi n'amashanyarazi mu mashuri aho bitaragera;
- Gukomeza ingamba zo kugabanya ubucucike bw'abana mu mashuri.

Imbonerahamwe 19:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'uburezi mu myaka ibiri (2024-2023)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Huye | 89.0% | 78.9% | ▲ | 10.1% |
| 2 | Nyaruguru | 85.5% | 77.9% | ▲ | 7.6% |
| 3 | Kayonza | 84.0% | 69.9% | ▲ | 14.1% |
| 4 | Kicukiro | 83.7% | 80.9% | ▲ | 2.8% |
| 5 | Ruhango | 83.0% | 72.9% | ▲ | 10.1% |
| 6 | Rusizi | 80.4% | 77.2% | ▲ | 3.2% |
| 7 | Burera | 79.5% | 79.8% | ▼ | -0.3% |
| 8 | Gakenke | 79.1% | 75.4% | ▲ | 3.7% |
| 9 | Nyamasheke | 78.0% | 82.8% | ▼ | -4.8% |
| 10 | Bugesera | 77.9% | 72.1% | ▲ | 5.8% |
| 11 | Gisagara | 77.5% | 76.2% | ▲ | 1.3% |
| 12 | Gicumbi | 77.0% | 75.7% | ▲ | 1.3% |
| 13 | Nyabihu | 76.2% | 77.4% | ▼ | -1.2% |
| 14 | Rubavu | 76.2% | 83.3% | ▼ | -7.1% |
| 15 | Gatsibo | 75.9% | 67.2% | ▲ | 8.7% |
| 16 | Nyarugenge | 75.1% | 77.5% | ▼ | -2.4% |
| 17 | Rwamagana | 75.1% | 79.6% | ▼ | -4.5% |
| 18 | Gasabo | 74.6% | 77.6% | ▼ | -3.0% |
| 19 | Karongi | 74.6% | 80.7% | ▼ | -6.1% |
| 20 | Rulindo | 74.4% | 79.3% | ▼ | -4.9% |
| 21 | Rutsiro | 73.4% | 80.9% | ▼ | -7.5% |
| 22 | Nyanza | 73.3% | 72.9% | ▲ | 0.4% |
| 23 | Muhanga | 72.4% | 72.1% | ▲ | 0.3% |
| 24 | Ngoma | 72.4% | 79.2% | ▼ | -6.8% |
| 25 | Kirehe | 71.8% | 77.5% | ▼ | -5.7% |
| 26 | Nyamagabe | 71.1% | 74.9% | ▼ | -3.8% |
| 27 | Nyagatare | 69.1% | 75.6% | ▼ | -6.5% |
| 28 | Kamonyi | 68.7% | 79.2% | ▼ | -10.5% |
| 29 | Ngororero | 68.2% | 67.5% | ▲ | 0.7% |
| 30 | Musanze | 67.6% | 69.6% | ▼ | -2.0% |
| IMPUZANDENGO | | 76.0% | 76.4% | ▼ | -0.4% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024




# 2.2. UBUZIMA

## 2.2.1. Intangiriro

Serivisi z'ubuzima zigenda zirushaho kwegerezwa abaturage. Muri iki cyiciro, CRC 2024 yibanze kuri serivisi zirimo kwakira no kwita ku barwayi, ubwisungane mu kwivuza, kubona imiti, ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro, abaganga bahagije, kuboneza urubyaro, abajyanama b'ubuzima, gukingira indwara, ubukangurambaga mu birebana n'imirire, serivisi z'imbangukiragutabara, kwita ku bagore batwite n'ububyaza, kwishyuza kwa muganga ndetse n'imikorere y'umukozi ushinzwe mituweli kwa muganga.


Ishusho75: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubuzima muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Serivisi z'ubuzima zirashimwa n'abaturage ku gipimo cya 76.2%, aho abagore bazishima ku gipimo cya 76.3% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 76.1%.

Ishusho76: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima mu myaka irindwi ishize




Serivisi z'ubuzima zirashimwa ku gipimo cya 76.2% muri uyu mwaka wa 2024 bihwanye na 84.7% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 10: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima hakurikijwe uturere




Mu turere icyenda (Huye, Kayonza, Gakenke, Gatsibo, Ruhango, Burera, Nyaruguru, Rwamagana, Gisagara) niho serivisi z'ubuzima zishimwa ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, mu turere twa Ngororero na Kamonyi niho izo serivisi zishimwa ku gipimo kiri munsi ya 70%.

## 2.2.2. Serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 77: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB,2024

### 2.2.3. Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima zitandukanye

Ishusho 78: Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima zitandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Serivisi zo gukingira indwara, kuboneza urubyaro, uburyo bwo kwishyuza kwa muganga ndetse n'imikorere y'umukozi ushinzwe mutuweli nizo zishimwa cyane n'abaturage ku gipimo kiri hejuru ya 85%. Ku rundi ruhande, servisi z'imbagukira gutabara, ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro, kubona imiti ndetse no kwakira no kwita ku barwayi nibyo bishimwa ku bipimo biri hasi ya 70%.

Ku bijyanye no kwakira ndetse no kwita ku barwayi, mu turere icyenda (Ngororero, Muhanga, Nyanza, Ngoma, Gasabo, Nyarugenge, Kamonyi, Nyamagabe na Nyamasheke) niho abaturage banenga uko bakirwa n'uko bitabwaho kwa muganga hejuru ya 50%.

## 2.2.4. Uko abaturage babona imikorere y'amavuriro

Ishusho 69: Uko abaturage babona babona imikorere y'amavuriro




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ubushakashatsi bugaragaza ko abaturage bashima imikorere y'amavuriro muri rusange ku bipimo biri munsi ya 70%, aho imikorere y'ibitaro ariyo ishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 68%. Abaturage bagaragaje ko batazi serivisi zitagwa n'amavuriro mato ku gipimo cya 18.5%. Uturere twa Muhanga, Ngororero, Kicukiro, Nyanza, Nyaruguru na Ngoma nitwo tuza imbere mu baturage bagaragaza ko batazi imikorere y'amavuriro mato (hejuru ya 25%). Ibi byaba bifitanye isano n'uko hari aho ataragera, n'aho ari usanga imicungire n'imikorere byayo bitaranoga ndetse n'adakora kandi inyubako zihari.

## 2.2.5. IBYIFUZONAMA

- Gukurikirana mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi mu mavuriro;
- Gukomeza kunoza imikorere n'imicungire y'amavuriro hibandwa ku mavuriro mato;
- Gukomeza kugeza ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro aho bitaragera.

Imbonerahamwe 15:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z’ubuzima mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Huye | 86.2% | 75.6% | ▲ | 10.6% |
| 2 | Kayonza | 84.6% | 70.0% | ▲ | 14.6% |
| 3 | Gakenke | 83.7% | 81.6% | ▲ | 2.1% |
| 4 | Gatsibo | 82.9% | 77.1% | ▲ | 5.8% |
| 5 | Ruhango | 82.1% | 75.0% | ▲ | 7.1% |
| 6 | Burera | 82.1% | 84.0% | ▼ | -1.9% |
| 7 | Nyaruguru | 81.0% | 78.9% | ▲ | 2.1% |
| 8 | Rwamagana | 80.6% | 83.1% | ▼ | -2.5% |
| 9 | Gisagara | 80.1% | 81.1% | ▼ | -1.0% |
| 10 | Gicumbi | 78.8% | 79.2% | ▼ | -0.4% |
| 11 | Rulindo | 78.2% | 79.9% | ▼ | -1.7% |
| 12 | Kirehe | 78.2% | 79.3% | ▼ | -1.1% |
| 13 | Kicukiro | 78.1% | 73.8% | ▲ | 4.3% |
| 14 | Nyabihu | 77.6% | 81.3% | ▼ | -3.7% |
| 15 | Rusizi | 75.1% | 74.0% | ▲ | 1.1% |
| 16 | Musanze | 75.1% | 70.8% | ▲ | 4.3% |
| 17 | Nyanza | 74.3% | 77.5% | ▼ | -3.2% |
| 18 | Ngoma | 73.9% | 81.8% | ▼ | -7.9% |
| 19 | Karongi | 73.8% | 80.0% | ▼ | -6.2% |
| 20 | Nyagatare | 73.7% | 81.6% | ▼ | -7.9% |
| 21 | Rubavu | 73.3% | 84.4% | ▼ | -11.1% |
| 22 | Nyamagabe | 72.9% | 81.3% | ▼ | -8.4% |
| 23 | Bugesera | 72.9% | 71.9% | ▲ | 1.0% |
| 24 | Nyarugenge | 71.0% | 74.9% | ▼ | -3.9% |
| 25 | Muhanga | 70.8% | 79.0% | ▼ | -8.2% |
| 26 | Rutsiro | 70.7% | 82.9% | ▼ | -12.2% |
| 27 | Nyamasheke | 70.6% | 73.8% | ▼ | -3.2% |
| 28 | Gasabo | 70.3% | 74.0% | ▼ | -3.7% |
| 29 | Ngororero | 68.1% | 73.7% | ▼ | -5.6% |
| 30 | Kamonyi | 67.7% | 76.5% | ▼ | -8.8% |
| IMPUZANDENGO | | 76.2% | 77.9% | ▲ | -1.7% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024




# 2.3. ISUKU

## 2. 3.1. Intangiriro

Umuco wo kugira isuku ni ingenzi mu buzima bw'abagize umuryango. Kugira amazi meza n'ubwiherero bufite ibyangombwa by'ibanze ni bimwe mu by'ingenzi mu guteza imbere isuku. Muri iki cyiciro, hasuzumwe uko abaturage babona isuku y'ahantu hatandukanye harimo amavuriro, amasoko, ibiro by'inzego z'ibanze, amaresitora n'utubari no mu ngo z'abaturage. Abaturage kandi bagaragaza uko bashima isuku yo mu bwiherero bwo mu ngo zabo, ku mubiri n'imyambaro.


Ishusho 80: **Uko abagabo n'abagore babona isuku muri rusange**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Muri rusange, abaturage bashima isuku ku gipimo cya 74.1%, ari nacyo gipimo abagore n'abagabo bayishimaho.

Ishusho 81: **Uko abaturage bashima serivisi z'isuku mu myaka irindwi ishize**




Muri CRC 2024, isuku irashimwa ku gipimo cya 74.1% bihwanye na 82.3% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa. Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, isuku yazamutse cyane mu mwaka wa 2021, igihe hari ingamba zijyanye no kwirinda icyorezo cya Covid-19.


Ikarita 11: Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe uturere




Ubushakashatsi bugaragaza ko mu turere twa Huye, Kicukiro, Nyaruguru, Kayonza na Ruhango ariho abaturage bashima isuku ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, uturere twa Rutsiro, Ngororero, Nyamagabe, Rulindo na Musanze nitwo abaturage bashima isuku ku gipimo kiri munsi ya 70%.

## 2.3.2. Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 82: Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

### 2.3.3. Uko abaturage babona isuku ahantu hatandukanye

Ishusho 83: Uko abaturage babona isuku ahantu hatandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Isuku yo ku biro by'inzego z'ibanze no ku mavuriro irashimwa ku gipimo kiri hejuru ya 70%. Ku rundi ruhande, isuku yo mu ngo z'abaturage, mu maresitora n'utubari ndetse n'iyo mu bwiherero bwo mu ngo niyo bagaragaza ko ihari ku gipimo kiri munsi ya 60%.

## 2.3.4 Bimwe mu byo abaturage babona bitera umwanda

Ishusho 84: Bimwe mu byo abaturage babona bitera umwanda




Imyumvire ikiri hasi mu kwita ku isuku no kutagira ubwiherero bwujuje ibisabwa ni byo abaturage bagaragaza ko biza imbere mu gutera umwanda.

## 2.3.5. IBYIFUZONAMA

- Kongera ubukangurambaga bugamije kuzamura imyumvire y'abaturage mu kwita ku isuku;
- Gukomeza gukangurira abaturage kugira ubwiherero bwujuje ibisabwa no kubugirira isuku;
- Gushyiraho uburyo buhamye kandi buhoraho bwo kugenzura isuku.

Imbonerahamwe 16:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'isuku mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Huye | 85.8% | 69.1% | ▲ | 16.7% |
| 2 | Kicukiro | 84.0% | 88.9% | ▼ | -4.9% |
| 3 | Nyaruguru | 81.9% | 68.9% | ▲ | 13.0% |
| 4 | Kayonza | 80.4% | 65.5% | ▲ | 14.9% |
| 5 | Ruhango | 80.1% | 66.1% | ▲ | 14.0% |
| 6 | Bugesera | 78.9% | 73.1% | ▲ | 5.8% |
| 7 | Nyarugenge | 78.0% | 82.2% | ▼ | -4.2% |
| 8 | Gasabo | 77.2% | 82.3% | ▼ | -5.1% |
| 9 | Rwamagana | 77.2% | 83.6% | ▼ | -6.4% |
| 10 | Rubavu | 76.8% | 79.7% | ▼ | -2.9% |
| 11 | Rusizi | 76.4% | 72.2% | ▲ | 4.2% |
| 12 | Nyamasheke | 75.8% | 84.2% | ▼ | -8.4% |
| 13 | Nyagatare | 75.5% | 82.2% | ▼ | -6.7% |
| 14 | Gatsibo | 74.2% | 68.7% | ▲ | 5.5% |
| 15 | Gisagara | 73.9% | 71.6% | ▲ | 2.3% |
| 16 | Burera | 73.9% | 79.1% | ▼ | -5.2% |
| 17 | Nyanza | 73.4% | 66.7% | ▲ | 6.7% |
| 18 | Kirehe | 73.0% | 76.4% | ▼ | -3.4% |
| 19 | Nyabihu | 72.7% | 77.6% | ▼ | -4.9% |
| 20 | Gicumbi | 72.5% | 69.8% | ▲ | 2.7% |
| 21 | Ngoma | 71.6% | 73.3% | ▼ | -1.7% |
| 22 | Kamonyi | 71.1% | 70.8% | ▲ | 0.3% |
| 23 | Karongi | 70.9% | 76.0% | ▼ | -5.1% |
| 24 | Muhanga | 70.8% | 66.2% | ▲ | 4.6% |
| 25 | Gakenke | 70.6% | 73.0% | ▼ | -2.4% |
| 26 | Rutsiro | 67.7% | 71.5% | ▼ | -3.8% |
| 27 | Ngororero | 65.1% | 57.0% | ▲ | 8.1% |
| 28 | Nyamagabe | 63.5% | 73.0% | ▼ | -9.5% |
| 29 | Rulindo | 63.3% | 71.1% | ▼ | -7.8% |
| 30 | Musanze | 61.9% | 66.5% | ▼ | -4.6% |
| IMPUZANDENGO | | 74.1% | 73.8% | ▲ | 0.3% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024




## 2.4. GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE



## 2.4.1. Intangiriro

Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye mu rwego rwo kurushaho kubafasha kwiteza imbere no kwikura mu bukene. Ubu bushakashatsi bwibanze kuri gahunda za VUP, Girinka, Ubudehe no Kubakira abatishoboye.


Ishusho 85: **Uko abagabo n'abagore babona gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye muri rusange**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zishimwa ku gipimo cya 74.0%, aho abagore bazishima ku gipimo cya 75.3%, abagabo bakazishima ku gipimo cya 72.3%.

Ishusho 86: **Uko abaturage bashima serivisi gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye mu myaka irindwi ishize**




Muri CRC 2024, gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zirashimwa ku gipimo cya 74% bihwanye na 82.2% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 12: Uko abaturage bashima gahunda zo kwita ku batishoboye no kuzamura imibereho yabo hakurikijwe uturere




Ubushakashatsi bugaragaza ko Akarere ka Kicukiro ari ko kaza ku isonga mu gushima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ku gipimo cya 85.3%, mu gihe Akarere ka Nyamasheke ari ho izi gahunda zishimwa ku gipimo cyo hasi cya 56.9%.

### 2.4.2. Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 87: **Uko abaturage bashima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

### 2.4.3. Uko abaturage babona ishyirwamubikorwa rya gahunda ya VUP

Ishusho 88: **Uko abaturage babona ishyirwamubikorwa rya gahunda ya VUP**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Abaturage bashima ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo y'amaboko ihemberwa muri VUP ku gipimo cya 77.3% mu gihe inkunga y'ingoboka ishimwa ku gipimo cya 75% naho inguzanyo z'imishinga ya VUP zigashimwa ku gipimo cya 71.8%.


## 2.4.4. Zimwe mu nzitizi zagaragajwe zibangamira gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye

Ishusho 89: **Zimwe mu nzitizi zagaragajwe zibangamira gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri gahunda ya VUP, inzitizi zikomeje kugaragazwa kurusha izindi ni imikorere mibi y'abayobozi (89.3%), ikimenyane (78.6%) ndetse n'akarengane (72.3%). Izi nzitizi ni nazo ziganje muri gahunda ya Girinka aho imikorere mibi y'abayobozi iri ku gipimo cya 91.3%, ikimenyane kuri 84.5% n' akarengane kuri 76.8%.




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kimwe no muri gahunda za VUP na GIRINKA, muri gahunda zo Kubakira abatishoboye n'Ubudehe mu mudugudu, imikorere mibi y'abayobozi ni yo nzitizi igaruka cyane mu kubangamira imikorere y'izi gahunda.

## 2.4.5. IBYIFUZONAMA

- Kwimakaza umuco wo gukorera mu mucyo no kugaragariza abaturage ibibakorerwa muri gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye;
- Gushyiraho uburyo buhamye kandi buhoraho bwo gukurikirana ishyirwamubikorwa rya gahunda zo guteza imbere abaturage no kwita ku batishoboye;
- Gukangurira abayobozi kurangwa n'indangagaciro y'ubunyangamugayo, kunoza umurimo no gushyira umuturage ku isonga;
- Gushishikariza abagenerwabikorwa kugira umuco wo kwigira.

Imbonerahamwe 22:
Uko uturere duhagaze muri serivisi zo kuzamura imibereho myiza no kwita ku batishoboye

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 85.3% | 57.1% | ▲ | 28.2% |
| 2 | Gicumbi | 83.9% | 75.2% | ▲ | 8.7% |
| 3 | Kayonza | 81.4% | 68.3% | ▲ | 13.2% |
| 4 | Muhanga | 79.4% | 79.9% | ▼ | -0.5% |
| 5 | Rwamagana | 79.0% | 72.0% | ▲ | 7.0% |
| 6 | Bugesera | 78.3% | 70.1% | ▲ | 8.2% |
| 7 | Nyarugenge | 77.8% | 63.5% | ▲ | 14.3% |
| 8 | Rulindo | 77.7% | 70.8% | ▲ | 6.9% |
| 9 | Ngoma | 76.8% | 75.3% | ▲ | 1.5% |
| 10 | Kamonyi | 76.7% | 72.5% | ▲ | 4.2% |
| 11 | Nyaruguru | 76.5% | 75.5% | ▲ | 1.0% |
| 12 | Gakenke | 76.2% | 80.8% | ▼ | -4.6% |
| 13 | Gatsibo | 75.3% | 74.3% | ▲ | 0.9% |
| 14 | Rubavu | 75.0% | 67.8% | ▲ | 7.2% |
| 15 | Gisagara | 74.2% | 79.4% | ▼ | -5.2% |
| 16 | Huye | 74.2% | 71.2% | ▲ | 3.0% |
| 17 | Rutsiro | 74.1% | 69.9% | ▲ | 4.2% |
| 18 | Nyanza | 73.5% | 75.8% | ▼ | -2.3% |
| 19 | Kirehe | 73.4% | 78.5% | ▼ | -5.1% |
| 20 | Ruhango | 72.8% | 76.0% | ▼ | -3.2% |
| 21 | Nyabihu | 72.8% | 82.2% | ▼ | -9.5% |
| 22 | Nyagatare | 71.3% | 60.7% | ▲ | 10.6% |
| 23 | Burera | 70.8% | 64.8% | ▲ | 6.0% |
| 24 | Musanze | 70.8% | 73.1% | ▼ | -2.2% |
| 25 | Gasabo | 70.4% | 58.2% | ▲ | 12.2% |
| 26 | Karongi | 69.3% | 75.8% | ▼ | -6.4% |
| 27 | Ngororero | 69.1% | 77.3% | ▼ | -8.2% |
| 28 | Rusizi | 67.2% | 79.0% | ▼ | -11.8% |
| 29 | Nyamagabe | 67.0% | 69.3% | ▼ | -2.3% |
| 30 | Nyamasheke | 56.9% | 67.8% | ▼ | -10.9% |
| | IMPUZANDENGO | 74.0% | 71.8% | ▲ | 2.2% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024




## 2.5. IMIBEREHO Y'UMURYANGO NYARWANDA

## 2.5.1. Intangiriro

Umuryango nyarwanda ni wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda. Umuryango urengerwa na Leta bityo rero niyo mpamvu muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi, Leta yiyemeje kubungabunga umuryango utekanye.

Ku birebana n'imibereho y'umuryango nyarwanda, ubushakashatsi bwibanze kuri ibi bikurikira: kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore, gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango, kubahiriza uburenganzira bw'abana, kwita ku buzima bw'abafite ubumuga mu muryango, kwita ku buzima bw'abageze mu za bukuru mu muryango ndetse n'ibibazo byo mu miryango n'impamvu zibitera.


Ishusho 90: Uko abagabo n'abagore babona imibereho y'umuryango nyarwanda muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Muri rusange, abaturage bashima serivisi zijyanye no kwita ku muryango nyarwanda ku gipimo cya 74.9%. Abagabo bashima ku gipimo cya 77.2% naho abagore bagashima kuri 73.2%.

Ishusho 90: Uko abagabo n'abagore babona imibereho y'umuryango nyarwanda muri rusange




Imibereho y'umuryango nyarwanda irashimwa ku gipimo cya 74.9% bihwanye na 83.2% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 13: Uko abaturage bashima imibereho y'umuryango nyarwanda hakurikijwe uturere




Abaturage bo mu turere twa Huye, Kicukiro, Rusizi na Nyaruguru nibo bashima imibereho y'umuryango nyarwanda ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, abaturage bo mu turere twa Kamonyi, Ngoma, Rulindo na Musanze bashima imibereho y'umuryango nyarwanda ku gipimo kiri munsi ya 70%.

## 2.5.2. Imibereho y'umuryango hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 92: Uko abaturage bashima imibereho y'umuryango nyarwanda hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

## 2.5.3. Ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda


Ishusho 93: **Uko abaturage babona gahunda zitandukanye zo guteza imbere imibereho y'umuryango nyarwanda**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kubahiriza uburenganzira bw'abana ni byo biza ku isonga mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 74.9% mu gihe kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y' umugabo n'umugore ari byo bishimwa ku gipimo cyo hasi cya 52.3%.


Ishusho 93: **UUko abagabo n'abagore babona ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Ubushakashatsi bugaragaza ko abagabo ari bo bashima ibikorwa bibungabunga umuryango ku bipimo biri hejuru. By'umwihariko ku birebana no kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ndetse no gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango, abagore babishima ku bipimo biri hasi. Ibi bigaragaza ko abagore n'abagabo bafite imyumvire itandukanye ku bijyanye n'ihame ry'uburinganire ndetse n'imikoreshereze y'umutungo w'umuryango.

Ishusho 95: Uko urubyiruko rubona ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Kimwe n'ibindi byiciro, urubyiruko rushima ku gipimo cyo hasi iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ndetse no gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango.

## 2.5.4. Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango

Ishusho 96: Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje ko amakimbirane mu miryango, guhoza ku nkenke no gutoteza, guharika no gucana inyuma kw'abashakanye n'ihohoterwa rishingiye ku mutungo byabaye mu miryango yabo ku gipimo kiri hejuru ya 10%. Ugereranyije na CRC 2023, amakimbirane mu miryango yagabanutseho 4.9%, guharika no gucana inyuma kw'abashakanye byagabanutseho 4.3%, ihohoterwa rishingiye ku mutungo ryagabanutseho 2.5%, naho guhoza ku nkeke no gutoteza bigabanukaho 2.2%.

## 2.5.5. Uko abaturage babona ihohoterwa rikorerwa ibyiciro bitandukanye by'abagize umuryango

Ishusho 97: **Uko abaturage babona ihohoterwa rikorerwa ibyiciro bitandukanye by'abagize umuryango**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru, abagore nibo bakorewe ihohoterwa ku gipimo cyo hejuru kurusha ibindi byiciro.

## 2.5.6. Impamvu zitera ibibazo byo mu muryango

Ishusho 98: **Impamvu zitera ibibazo byo mu muryango**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, ubusinzi, kutagira umwanya wo kuganira nk'umuryango, guharika no gucana inyuma kw'abashakanye, kudasobanukirwa ihame ry'uburinganire ndetse no gukoresha nabi umutungo w'umuryango nizo mpamvu ziza imbere mu guteza ibibazo byo mu muryango.

## 2.5.7. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza gukangurira abagize umuryango kwitabira inteko z'abaturage n'umugoroba w'imiryango nk'imwe mu miyoboro mu kwimakaza umuryango utekanye;
- Gukomeza gukangurira abagize umuryango gushaka umwanya uhagije wo kuganira hagati yabo;
- Gukaza ingamba zo guca burundu ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge;
- Gukomeza kwigisha abaturage ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore;
- Gukora ubukangurambaga ku itegeko rirebana n'umuryango n'imucungire y'umutungo wawo;
- Gukomeza gukangurira ababyeyi kwita ku burere bw'abana no kubaganiriza ku buzima bw'imyororokere;
- Gukaza ingamba zo kurwanya ikibazo cyo gusambanya abangavu no kudahishira ababikora.

Imbonerahamwe 23:
Uko uturere duhagaze mu mibereho y'umuryango nyarwanda mu myaka ibiri ( 2024-2023)

| Nº | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Huye | 85.4% | 73.6% | ▲ | 11.8% |
| 2 | Kicukiro | 83.4% | 80.8% | ▲ | 2.6% |
| 3 | Rusizi | 82.9% | 75.5% | ▲ | 7.4% |
| 4 | Nyaruguru | 82.7% | 73.7% | ▲ | 9.0% |
| 5 | Rubavu | 79.8% | 81.1% | ▼ | -1.3% |
| 6 | Ruhango | 78.9% | 70.0% | ▲ | 8.9% |
| 7 | Gisagara | 77.8% | 73.8% | ▲ | 4.0% |
| 8 | Nyabihu | 77.7% | 85.2% | ▼ | -7.5% |
| 9 | Nyarugenge | 77.4% | 76.9% | ▲ | 0.5% |
| 10 | Burera | 77.3% | 81.9% | ▼ | -4.6% |
| 11 | Rutsiro | 76.1% | 77.4% | ▼ | -1.3% |
| 12 | Nyanza | 75.8% | 71.8% | ▲ | 4.0% |
| 13 | Kayonza | 75.0% | 69.0% | ▲ | 6.0% |
| 14 | Muhanga | 74.9% | 68.2% | ▲ | 6.7% |
| 15 | Gatsibo | 74.8% | 72.7% | ▲ | 2.1% |
| 16 | Nyamasheke | 74.4% | 82.5% | ▼ | -8.1% |
| 17 | Gasabo | 74.3% | 76.2% | ▼ | -1.9% |
| 18 | Karongi | 74.1% | 77.8% | ▼ | -3.7% |
| 19 | Ngororero | 73.6% | 68.0% | ▲ | 5.6% |
| 20 | Gakenke | 73.6% | 76.3% | ▼ | -2.7% |
| 21 | Bugesera | 72.9% | 74.3% | ▼ | -1.4% |
| 22 | Kirehe | 72.7% | 74.8% | ▼ | -2.1% |
| 23 | Nyamagabe | 71.9% | 80.4% | ▼ | -8.5% |
| 24 | Rwamagana | 71.2% | 73.8% | ▼ | -2.6% |
| 25 | Gicumbi | 70.1% | 75.6% | ▼ | -5.5% |
| 26 | Nyagatare | 70.0% | 73.8% | ▼ | -3.8% |
| 27 | Kamonyi | 69.5% | 68.7% | ▲ | 0.8% |
| 28 | Ngoma | 69.2% | 72.6% | ▼ | -3.4% |
| 29 | Rulindo | 67.1% | 76.3% | ▼ | -9.2% |
| 30 | Musanze | 64.7% | 69.7% | ▼ | -5.0% |
| IMPUZANDENGO | | 74.9% | 75.1% | ▼ | -0.2% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

# 3

# INKINGI Y'IMIYOBORERE







# 3.1. INZEGO Z'IBANZE



# 3.1.1. Intangiriro

Mu rwego rwo kureba uko abaturage babona imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye, ubu bushakashatsi bwibanze ku mikorere y'inzego z'ibanze n'iya bamwe mu bakozi bazo, serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze ndetse n'ibibangamira imitangire ya serivisi muri izo nzego.


Ishusho 99: **Uko abagabo n'abagore babona inzego z'ibanze muri rusange**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024


Abaturage barashima imikorere y'inzego z'ibanze ku gipimo cya 74.9%, aho abagore bashima ku gipimo cya 75.1% naho abagabo bakayishima ku gipimo cya 74.7%.

Ishusho 100: **Uko serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze zihagaze mu myaka irindwi ishize**




Muri CRC 2024, serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze zishimwa ku gipimo cya 74.9% bihwanye na 83.2% by' intego ya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) yo kugera ku gipimo cya 90% y'uko abaturage bashima serivisi bahabwa.


Ikarita 14: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe uturere




Mu turere cumi na turindwi(17), abaturage bashima serivisi z'inzego z'ibanze ku gipimo kiri hejuru ya 75%, aho Akarere ka Huye kaza ku isonga ku gipimo cya 85.1%. Ku rundi ruhande, mu turere tune ( 4) niho abaturage bashima serivisi z'inzego z'ibanze ku gipimo kiri munsi ya 70%, aho Akarere ka Rutsiro bazishima ku gipimo cyo hasi cya 67.1%.

## 3.1.2. Imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 101: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

### 3.1.3. Imikorere y'inzego z'ibanze

Ishusho 102: Uko abaturage babona imikorere y'inzego z'ibanze





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bashima imikorere y'urwego rw'umurenge ku gipimo cyo hejuru cya 82.5% naho urwego rw'akarere ni rwo rushimwa ku gipimo cyo hasi cya 67.9%. Kuba hari abaturage bangana na 23.9% batazi imikorere y'urwego rw'akarere, biterwa n'uko serivisi nyinshi zitangirwa ku nzego zibegereye bikaba bifitanye isano n'uko bashima ku gipimo cyo hasi imikorere y'uru rwego.

### 3.1.4. Imikorere ya bamwe mu bakozi b' inzego z'ibanze

Ishusho 103: Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu bakozi b' inzego z'ibanze





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge, ushinzwe kwakira abashaka serivisi ku murenge ndetse n'umukozi ushinzwe irangamimerere na serivisi za noteri nibo bakozi bashimwa ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande imikorere y'ushinzwe ubutaka n'imyubakire, ubworozi ndetse n'ushinzwe ubuhinzi ku rwego rw'umurenge irashimwa ku gipimo kiri munsi ya 70%.

## 3.1.5. Zimwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze

Ishusho 104: **Uko abaturage babona zimwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Gusobanurira abaturage gahunda za Leta ni yo serivisi iza ku isonga mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 84.5%. Ku rundi ruhande, gukemura ibibazo by'abaturage ku gihe nibyo bishimwa ku gipimo cyo hasi cya 68.9%.

## 3.1.6. Inzitizi zigaragara muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze

Ishusho 105: **Zimwe mu nzitizi zagaragajwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2024

Nk'uko ishusho iri hejuru ibigaragaza, ibibangamira imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze kurusha ibindi ni: ukutamenya ibisabwa mbere yo gusaba serivisi, gusiragiza abaturage ndetse no kutabonekera ku gihe kw'abatanga serivisi.

